UBUTUMWA BWA PAPA FRANSISKO KU MUNSI MPUZAMAHANGA W'ABIMUKIRA N'IMPUNZI WIZIHIZWA KU NCURO Y'107.
[26 Nzeri 2021]

« Twe » igende yaguka umunsi ku wundi

Bavandimwe,

Mu rwandiko 'Fratelli Tutti', nagaragaje impungenge n'icyifuzo, na n'ubu ngifite ku mutima: "Nyuma y'iki cyorezo kibasiye ubuzima, ingaruka zacyo mbi cyane kuri twe ni uko dushobora kurushaho kwishora mu ngeso zo gusesagura no kuvumbura uburyo bushya bwo kuba ba nyamwigendaho. Icyampa Imana ngo amaherezo, ntituzongere kugira abo twita « abandi » ahubwo dushyire imbere « twe »! (n. 35).

Ni yo mpamvu, mu butumwa bwanjye bujyanye no kwizihiza ku ncuro y' 107 umunsi mpuzamahanga w'abimukira n'impunzi nahisemo iyi nsanganyamatsiko igira iti, **«** 'Twe' ***igende yaguka umunsi ku wundi*** **»** ngamije kubagaragariza ku buryo bwumvikana icyerekezo ry'urugendo rwacu hano ku isi.

Amateka ya « Twe »

Icyo cyerekezo cyari mu mugambi w'Imana : « Nuko Imana irema muntu mu ishusho ryayo, imurema mu ishusho ry'Imana, ibarema ari umugabo n'umugore. Imana ibaha umugisha, irababwira iti 'nimwororoke, mugwire' » (Intg 1, 27-28). Imana yaremye umugabo n'umugore,iturema dutandukanye ariko twuzuzanya kugira ngo tube « umwe » ugomba kororoka uko ibisekuruza bigenda bisimburana. Imana yaturemye mu ishusho ryayo, mu ishusho ry'Umwe ndetse no mu Batatu, ubusabane mu budasa.

Ubwo muntu yitandukanyije n'Imana, kubera kutumvira kwe, ku bw'impuhwe zayo, yashatse gushyiraho inzira y'ubwiyunge itari iy'umuntu ku giti cye gusa, ahubwo iy'umuryango, « twe » ubumbiyemo amoko

yose y'abantu, nta n'umwe uhejwe. « Dore Ingoro y'Imana mu bantu. Izabana na bo. Bazaba abantu bayo, Imana na Yo ibane na bo » (Hish 21, 3)

Mu ntangiriro no mu ndunduro y'amateka y'ugucungurwa kwacu rero hari iyo "Twe", mu izingiro ryayo hakaba iyobera rya Kristu, wapfuye akazuka "kugira ngo bose babe umwe" (Yh 17,21). Ikibabaje, ni uko muri iki gihe turimo, "twe" Imana yatwifujeho kuva kera yacitsemo ibice, yakomeretse, ndetse igata n'isura. Ibi bigenda bigaragara cyane cyane mu bihe bikomeye nk'uko bimeze muri iki gihe isi yugarijwe n'icyorezo. Iyi "twe" iragenda isenyuka haba mu batuye isi ndetse no muri Kiliziya, bitewe no gukunda igihugu by'agakabyo, gushotorana (reba Fratelli tutti, n. 11) ndetse no kwigira ba nyamwigedaho (reba ibibanza, n. 105). Kandi abishyura ikiguzi cy'ibyo byose ni abo umuryango wita "abandi". Abo ni ba banyamahanga, abimukira, abashyizwe ku ruhande, ba bandi batuye mu nkengero z'imijyi yacu.

Mu by'ukuri, twese turi mu bwato bumwe, kandi duhamagariwe gukorera hamwe kugira ngo hatazongera kubaho inkuta zidutandukanya, hatazongera kubaho "abandi", ahubwo habeho gusa "twe", buri kiremwa muntu wese yisangamo. Ni yo mpamvu rero, kuri uyu munsi mpuzamahanga, mboneyeho umwanya wo gushishikariza, mbere na mbere abagatolika hanyuma n'abatuye isi bose,gutahiriza umugozi umwe mu kwimakaza "twe" buri wese arushaho kwiyumvamo.

Kiliziya irusheho kogera hose

Ku bayoboke ba Kiliziya Gatolika, ndabahamagarira kudatatira ubugatolika bwabo, bashyira mu mu bikorwa ibyo Mutagatifu Pawulo yasabye Abanyefezi agira , ati "Nk'uko Umubiri ari umwe na Roho akaba umwe, ni na ko mwahamagariwe gusangira ukwizera kumwe. Nyagasani ni umwe, ukwemera ni kumwe, Batisimu ni imwe " (Ef 4,4-5).

Mu by'ukuri, uguhuza abantu bose no kogera hose bya Kiliziya bigomba kuba iby'igihe cyose, nk'uko biri mu bushake bwa Nyagasani wadusezeranije kuzabana natwe, kugeza ku ndunduro y'ibihe (reba Mt 28, 20). Roho Mutagatifu atuma twakira abantu bose, tugasabana tutitaye ku bidutanya, tugahuriza hamwe ibidutandukanya tutagombye gushyiraho ibyo duhuriyeho bishobora gutuma hari abatakaza ibyabo. Guhura n'abanyamahanga batandukanye, abimukira, impunzi ndetse no guhura kw'imico karande gushobora kujyana na byo, biduha amahirwe yo gukura nka Kiliziya kandi bigatuma twungurana byinshi. Mu

by’ukuri, uwabatijwe wese, aho yaba ari hose, ni umunyamuryango wuzuye wa kiliziya y’aho ari ndetse n’uwa Kiliziya ku isi hose, ni umwana mu rugo iwabo, umwe mu bagize umuryango.

Abayoboke ba Kiliziya gatolika barashishikarizwa kwitanga, buri wese ahereye mu muryango we, kugira ngo Kiliziya irusheho kutagira uwo iheza mu gusohoza ubutumwa Yezu Kristu yahaye Intumwa, igihe agize, ati “Aho munyura, muvuge ko ingoma y’ijuru yegereje. Mukize abarwayi, muzure abapfuye, ababembe mubakize,mwirukane roho mbi. Mwahawe ku buntu, mutange ku buntu ” (Mt 10,7-8).

Uyu munsi, Kiliziya ihamagariwe gusohoka ikajya mu mayirabiri, ahantu hose hari abantu kugira ngo yomore inkomere kandi itarure abazimiye, nta we icira urubanza, ishize amanga, itagamije gushaka abayoboke, ahubwo yiteguye kwagura ihema ryayo kugira ngo ryakire abantu bose. Mu mayirabiri, tuzasangayo abimukira n’impunzi nyinshi, abavanywe mu byabo, abahinduwe ibicuruzwa, abo Nyagasani ashaka ko urukundo rwe rugaragarira n’umukiro we ukabamenyeshwa. “Urujya n'uruza rw'abimukira muri iki gihe rwafatwa nk’«umupaka mushya w’iyogezabutumwa », nk’umwanya ukwiye wo kumenyekanisha Yezu Kristu n'Inkuru nziza aho dutuye no guhamya byimazeyo ubukristu bwacu mu rukundo no mu cyubahiro gikomeye ku myemerere y’abandi. Guhura n'abimukira n'impunzi bo mu yandi madini n’amatorero biba umwanya mwiza cyane kugira ngo habeho ibiganiro bizira imbereka kandi by’ingirakamaro hagati y’amadini ” (reba Ijambo ryagejejwe ku bayobozi bashinzwe ikenurabushyo ry’abimukira, ku wa 22 Nzeri)

Twubake isi buri wese arushaho kwibonamo

Ndasaba kandi abatuye isi bose, abagore n’abagabo, kwitabira uru rugendo rugana kuri « twe » yagutse kurushaho, hagamijwe kuvugurura umuryango w’abantu, kubakira hamwe ejo hazaza harangwa n’ubutabera n’amahoro, no kwirinda ko hagira n’umwe uhezwa.

Ejo hazaza h'imiryango yacu « hagizwe n’uruvange rw’amabara », harangwa n’ubudasa n'urunyuranyurane rw’imico. Ni yo mpamvu uyu munsi tugomba kwiga kubana neza mu bwumvikane no mu mahoro. Ku buryo bw’umwihariko nkunda ishusho y’ibyabaye ku munsi wa « Batisimu » ya Kiliziya kuri Pentekositi, nyuma y’ukuza kwa Roho Mutagatifu, abatuye i Yeruzaremu bumva inkuru nziza y’umukiro: “Baba Abapariti, Abamedi n’Abelamu, baba abatuye muri Mezopotamiya, muri Yudeya no muri Kapadosiya, muri Ponti no muri Aziya, muri Furujiya no muri Pamfiliya,mu Misiri no mu turere twa Libiya duhereranye na Sireni,

baba abashyitsi baturutse i Roma,Abayahudi kavukire n'abayoboke b'idini yabo,Abanyakireta n'Abarabu twese turabumva bamamaza mu ndimi zacu bwite ibitangaza by'Imana "(Intu 2,9-11).

Ngiyo rero Yeruzalemu Nshya twifuza (reba Iz 60; Hish 21, 3), aho abantu bose bunze ubumwe, mu mahoro no mu bwumvikane, bakishimira ubuntu bw'Imana n'ibyo yaremye bitangaje. Ariko kugira ngo tubigereho, twese tugomba kwihatira gusenya inkuta zidutandukanya tukubaka ibiraro biduhuza, dushyira imbere isano ikomeye dusangiye. Kwimuka kw'abantu muri iki gihe biduha amahirwe yo gutsinda ubwoba no kwemera gukungahazwa n'impano zitandukanye buri muntu yifitemo. Noneho rero, niba tubishaka, dushobora guhindura imipaka yadutandukanyaga ahantu hihariye ho guhurira, aho « twe » izarushaho kwaguka umunsi ku wundi.

Ndashishikariza abatuye isi bose gukoresha neza impano Nyagasani yaduhaye, kugira ngo tubungabunge ibyo yaremye kandi turusheho kubigira byiza. " Umuntu w'igikomangoma yagiye mu gihugu cya kure ajyanywe no kwimikwa, byarangira akagaruka. Nuko ahamagara icumi mu bagaragu be, abaha ibiceri icumi bya feza, arababwira, ati « Muzabikoreshe neza bizunguke kugeza igihe nzagarukira » (Lk 19,12-13). Nyagasani azadusaba natwe kumumurikira ibyo twakoze! Kugira ngo dushobore kubungabunga neza urugo rwacu rusange, « Twe » igomba kurushaho kwaguka umunsi ku wundi, « Twe » dusangiye inshingano, « Twe » dusobanukiwe neza ko ibyiza byose dukoreye isi bigirira akamaro ibisekuruza biriho ubu ndetse n'ibyo mu gihe kizaza. Birasaba rero ubwitange bwa buri wese n'ubwa rusange bwita ku bavandimwe bose bakomeje kubabara ndetse no mu gihe duharanira kugera ku majyambere arambye, aringaniye kandi buri wese yisangamo. Ni aho kwiyemeza kutavangura abenegihugu n'abanyamahanga, abasangwa n'abashyitsi, kuko ari ikibazo cy'umutungo rusange, kandi ntawe ukwiye kuwuhezwaho.

Inzozi zaratangiye

Umuhanuzi Yoweli yahanuye ko umunsi w'Uhoraho uzaba nk'igihe cy'inzozi n'iyerekwa biyobowe na Roho : "Nzasendereza Umwuka wanjye ku cyitwa ikiremwa cyose. Abahungu banyu n'abakobwa banyu bazahanure, abasaza banyu bazabonere mu nzozi, urubyiruko rwanyu ruzabonekerwe."(3, 1). Twahamagariwe kugira inzozi zimwe. Ntitugomba kugira ubwoba bwo gutekereza, ndetse gutekerereza hamwe nk'ikiremwa muntu, nk'abasangirangendo, nk'abavandimwe basangiye iyi si, inzu rusange yacu, twese turi abavandimwe (reba Fratelli tutti, n. 8).

Isengesho

Dawe dukunda,
Umwana wawe Yezu yatwigishije
ko mu ijuru haba ibyishimo byinshi
iyo umuntu wari warazimiye abonetse,
Igihe cyose duhaye ikaze muri twe
umuntu wari warahawe akato, waranzwe cyangwa warashyizwe ku ruhande,
"Twe" irushaho kwaguka.

Turagusaba ngo uhe abigishwa ba Yezu bose n'abantu bose ukunda
ingabire zo gukora ugushaka kwawe ku isi.
Ha umugisha buri gikorwa cyo kwakira no gufasha
kidaheza impunzi n'abimukira mu bandi no muri Kiliziya
kugira ngo isi yacu ishobore guhinduka inzu rusange y'abavandimwe bose,
nk'uko wabishatse kuva uyirema. **Amina**

Bikorewe i Roma, kuri Bazilika ya Mutagatifu Yohani wa Laterani, ku wa 3 gicurasi 2021, ku munsi mukuru w'abatagatifu Filipo na Yakobo, Intumwa

Papa Fransisko